Umubatizo n'imishyikirano ufitanye n'Imana

(Igice cya 1)

Bishingiye ku gice cya 18 cy'igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

INTEGO: Suzuma ibyo wizera n'impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.



ESE ABAKRISTO BAGOMBA KUBATIZWA?

1 SUZUMA IBYO WIZERA

Kuki hari ababyemera?

Kuki hari ababihakana?

Wowe wizera ko bimeze bite?

Kuki ari uko ubyemera?

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA

Abakristo bagomba kubatizwa, bakibizwa mu mazi.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha*, igice cya 18, paragarafu ya 1-4.)

Soma muri Matayo 28:19; Ibyakozwe 8:35, 36.

Ni iki gituma abigishwa ba Yesu babatizwa?

Soma muri Zaburi 40:7, 8.

Kuki umuntu wifuza kubatizwa agomba kuba yiyemeje gukora ibyo Yehova ashaka?



Umuntu w'umuhanga iyo agiye kubaka inzu abanza kureba uko izaba iteye kugira ngo amenye icyo bizamusaba. Mu buryo nk'ubwo, umuntu wifuza kubatizwa abanza kwiga Ijambo ry'Imana kugira ngo amenye ibyo asabwa.—Luka 14:27-30

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Mbere yo kubatizwa tugomba kugira ubumenyi n'ukwizera.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 18 paragarafu ya 5-7.)

Soma mu Baheburayo 5:12.

Twagombye kumenya Bibiliya mu rugero rungana iki mbere y'uko tubatizwa?

Soma mu Byakozwe 4:12; 2 Timoteyo 3:16, 17 no mu Baheburayo 11:6.

Umukristo wabatijwe ni iki agomba kuba yizera?

Ni iki wakora ngo urusheho kugira ubumenyi no kwizera? Tanga ingero.

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 SOBANURIRA ABANDI IBYO WIZERA

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI:

Iyo umwana w'uruhinja abatijwe, Imana iba imuhanaguyeho icyaha.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI:

Abantu benshi ni uko babibona. Ariko nge si uko mbibona kubera ko…

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI:

Iyo wemera ko Yesu ari umucunguzi wawe uba witeguye kubatizwa.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI:

Yego birumvikana ko tugomba kwizera Yesu, ariko ntekereza hari ikindi umuntu agomba gukora mbere y'uko atera iyo ntambwe y'ingenzi, kubera ko…

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mubuhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania